

ITEKA RYA MINISITIRI N° 20/34 RYO KU WA 09/06/2015 RIGENA IBIJYA MU NYANDIKO ZIBURIRA ZISHYIRWA KU IPAKI Y'ITABI N'IBIRIKOMOKAHO N'UKO ZITEYE

MINISTERIAL ORDER N°20/34 OF 09/06/2015 DETERMINING THE CONTENT AND DESIGN OF THE WARNING TO BE PUT ON THE PACKAGE OF TOBACCO AND TOBACCO PRODUCTS

ARRETE MINISTERIEL N°20/34 DU 09/06/2015 PORTANT CONTENU ET FORME DE L'AVERTISSEMENT A METTRE SUR LE PAQUET DU TABAC ET DES PRODUITS DU TABAC

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**Ingingo ya mbere:** icyo iri teka rigamije

**Article One:** Purpose of this Order

**Article premier:** Objet du présent arrêté

**Ingingo ya 2:** Ibyandikwa ku ipaki y'amasegereti n'iy'ibikomoka ku itabi

**Article 2:** Statement on the package of cigarettes and tobacco products

**Article 2 :** Déclaration sur un paquet de cigarettes et des produits de tabac

**Ingingo ya 3:** Ubutumwa buburira mu by'ubuzima bisabwa ku ipaki y'amasegereti n'ay'ibikomoka ku itabi

**Article 3:** Health warnings required on packages of cigarettes and tobacco products

**Article 3:** Avertissements de santé exigés sur les paquets de cigarettes et des produits de tabac

**Ingingo ya 4:** Ibindi bisabwa

**Article 4:** Other requirements

**Article 4:** Autres exigences

**Ingingo ya 5:** Igihe cy'inzibacyuho cyo kubahiriza ibiteganywa n'iri teka

**Article 5:** Transitory period to comply with the provisions of this Order

**Article 5:** Période transitoire pour se conformer aux dispositions du présent arrêté

**Ingingo ya 6:** Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

**Article 6:** Repealing provision

**Article 6:** Disposition abrogatoire

**Ingingo ya 7:** Igihe iteka ritangira gukurikizwa

**Article 7:** Commencement

**Article 7:** Entrée en vigueur

*Official Gazette n° 26 of 29/06/2015*

**ITEKA RYA MINISITIRI N°20/34 RYO KU WA 09/06/2015 RIGENA IBIJYA MU NYANDIKO ZIBURIRA ZISHYIRWA KU IPAKI Y'ITABI N'IBIRIKOMOKAHO N'UKO ZITEYE**

**MINISTERIAL ORDER N°20/34 OF 09/06/2015 DETERMINING THE CONTENT AND DESIGN OF THE WARNING TO BE PUT ON THE PACKAGE OF TOBACCO AND TOBACCO PRODUCTS**

**ARRETE MINISTERIEL N°20/34 DU 09/06/2015 PORTANT CONTENU ET FORME DE L'AVERTISSEMENT A METTRE SUR LE PAQUET DU TABAC ET DES PRODUITS DU TABAC**

**Minisitiri w'Ubuzima ;**

**The Minister of Health;**

**Le Ministre de la Santé ;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121 n'ya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 and 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 08/2013 ryo ku wa 01/03/2013 ryerekeye kugenzura imikoreshereze y'itabi, cyane cyane ngingo yaryo iya 18;

Pursuant to Law n° 08/2013 of 01/03/2013 relating to the control of tobacco, especially in Article 18;

Vu la Loi n° 08/2013 du 01/03/2013 régissant le control du tabac, spécialement en son article 18 ;

Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 20/03/2015 imaze kurisuzuma no kuryemeza;

After consideration, and approval by the Cabinet in its session of 20/03/2015;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 20/03/2015;

**ATEGETSE:**

**ORDERS:**

**ARRETE:**

**Ingingo ya mbere : Icyo iri teka rigamije**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Iri teka rigena ibijya mu nyandiko ziburira zishyirwa ku ipaki y'itabi n'ibirikomokaho n'uko ziteye.

This Order determines the content and design of the warning to be put on the package of tobacco and tobacco products.

Le présent arrêté porte sur le contenu et la forme de l'avertissement à mettre sur le paquet du tabac et des produits du tabac.

**Ingingo ya 2: Ibyandikwa ku ipaki y'amasegereti n'iy'ibikomoka ku itabi**

**Article 2: Statement on the package of cigarettes and tobacco products**

**Article 2: Déclaration sur un paquet de cigarettes et des produits de tabac**

Buri paki y'Isegereti n'iy'ibikomoka ku itabi bidandazwa mu Rwanda igomba:

Every package of cigarettes and tobacco products used for retail sale in Rwanda must:

Chaque paquet de cigarettes et des produits de tabac utilisés pour la vente en détail au Rwanda doit :

*Official Gazette n° 26 of 29/06/2015*

- 1° kuba yanditseho “Byo kucururizwa mu Rwanda”;
- 2° kubaho itangazo ryerekana igipimo cy’ubuvunderi, umwuka wa “carbone monoxide” mu magarama kuri buri gicuruzwa gikomoka ku itabi;
- 3° kugira itangazo ryerekana ubwinshi bw’ubuvunderi na nicotine. Imibare igomba kuba iburungushuye n’itangazo ry’ubwinshi bwa nicotine rigashyirwa ku kinyacumi.

- 1° carry the statement “For Sale in Rwanda”.
- 2° bear a statement of the tar, nicotine and carbon monoxide content in milligrams per tobacco product;
- 3° bear the tar and carbon monoxide yield statements. The numbers must be rounded to the nearest whole number and the nicotine yield statement must be rounded to one decimal place.

- 1° porter la déclaration "A vendre au Rwanda".
- 2° porter déclaration sur le goudron, la nicotine et la teneur en monoxyde de carbone en milligrammes par produit de tabac;
- 3° porter les teneurs en goudron et en monoxyde de carbone. Les chiffres doivent être arrondis au nombre entier le plus proche et la teneur de nicotine doit être arrondie à un endroit décimal.

**Ingingo ya 3: Ubutumwa buburira mu by’ubuzima bisabwa ku ipaki y’amasegereti n’ay’ibikomoka ku itabi**

Buri paki y’isegereti n’iy’ibicuruzwa bikoze mu itabi bidandazwa mu Rwanda bigomba kugaragaza ubutumwa mu by’ubuzima imbere n’inyuma ku gifuniko.

Ubutumwa bukurikira bubirira ku buzima bwandikwa mu Kinyarwanda no mu Cyongereza cyangwa mu Kinyarwanda no mu Gifaransa kandi bushyirwa ku gice cyo hepfo cy’isegereti kitajya muni ya mirongo itatu ku ijana (30%) imbere n’inyuma ku ipaki, ubwo butumwa bukagaragara no muni y’ipakibukajya butangazwa buri mezi cumi n’abiri (12) ku buryo busimburana kandi mu nshuro zishoboka:

“Kunywa itabi birica, bitera indwara ya kanseri, indwara z’umutima, n’izindi ngaruka

**Article 3: Health warnings required on packages of cigarettes and tobacco products**

Every package of cigarettes and tobacco products used for retail sale must display a health warning on the front and back panel.

The following health warning text message shall be applied Kinyarwanda and English or Kinyarwanda and French comprising of not less than thirty (30%) of the total surface area of both the front and back panels and located on the lower portion of the cigarette pack or packet and shall be randomly displayed in each twelve month (12) period on a rotational basis and in as equal a number of times as is possible:

“Smoking kills, causes cancer, heart diseases, and other health vices such as impotence,

**Article 3: Avertissements de santé exigés sur les paquets de cigarettes et des produits de tabac**

Chaque paquet de cigarettes et des produits de tabac utilisés pour la vente en détail doit afficher un avertissement de santé sur les deux côtés du panneau.

L’avertissement sanitaire suivants est inscrit en Kinyarwanda et en anglais ou Kinyarwanda et en français et les inscriptions ne font pas moins de trente (30%) de la surface totale des deux côtés et sont placées sur la partie inférieure du paquet de cigarettes et il est aléatoirement affiché tous les douze (12) mois en rotation de façon qu’elles apparaissent un nombre égal des fois dans la mesure du possible :

« Fumer tue, provoque le cancer, des maladies cardiaques, et d’autres troubles de santé tels

**Official Gazette n° 26 of 29/06/2015**

mu buzima nk'ubugumba, kubura urubyaro, kuvamo kw'inda n'indwara y'ubwonko”.

infertility, miscarriage and stroke”.

que l'impuissance, la stérilité, les fausses couches et l'attaque cardiaque ».

Ubutumwa buburira:

The health warning:

L'avertissement de santé:

1° bugomba kuba bwanditse mu nyuguti z'umukara za helvetica ku gifuniko cy'umweru, kandi busomeka neza, kandi butanditse ahantu bushobora kwangirika mu gihe igifuniko gifunguwe;

1° must be printed in black helvetica bold type on a white background, be clear and legible, not be printed in a place where it may be damaged when the packaging is opened;

1° doit être imprimé en caractère gras helvetica noirs sur un fond blanc, et doit être claire et lisible, et imprimé à un endroit où il peut être endommagé quand l'emballage est ouvert;

2° ntibugomba gukingirizwa n'ibindi birango by'ibifuniko cyangwa ibindi bimenyetso;

2° shall not be obstructed with other packaging and labelling marks;

2° ne doit pas être entravé par d'autres emballages et des marques d'étiquettes;

Icyakora, ubutumwa buburira ntibukenewe ku gifuniko, iyo bugaragara neza mu gifuniko cy'imbere.

However, the health warning shall not be required on the transparent packaging material, if the health warning is clearly visible on the primary packaging beneath.

Cependant, l'avertissement de santé n'est pas exigé sur le matériel d'emballage transparent lorsque cet avertissement de santé est clairement visible sur l'emballage principal.

Imiterere y'ubutumwa buburira ku ipaki y'amasegereti iri ku mugereka w'iri teka.

The health warning on packages of cigarettes model is annexed to the present Order.

La forme de l'avertissement de santé sur les paquets de cigarettes se trouve en annexe du présent arrêté.

**Ingingo ya 4: Ibindi bisabwa**

**Article 4: Other requirements**

**Article 4: Autres exigences**

Buri paki y'amasegereti n'iy'ibicuruzwa bikomoka ku itabi bigamijwe kudandazwa bigomba:

Every package of cigarettes and tobacco products used for retail sale must:

Chaque paquet de cigarettes et des produits de tabac utilisés pour la vente en détail doit:

1° kwerekana inyandiko igaragza izina n'aho ubikora abarizwa;

1° bear such statement as to the name and address of the manufacturer;

1° porter mention du nom et adresse du fabricant;

2° Kugaragaza umubare w'amasegereti;

2° state the number of cigarettes;

2° indiquer le nombre de cigarettes;

3° kwerekana itariki n'inomero byakoreweho;

3° bear the manufacturing date or code;

3° porter la date de fabrication ou le

*Official Gazette n° 26 of 29/06/2015*

4° gushyirwaho tembure y'imisoro cyangwa kode cyangwa inyandiko yindi nk'uko bisabwa n'inzego z'ubuyobozi.

4° be affixed with a valid tax stamp or code or mark or impression as may be required by the authorities.

code;

4° être fixé avec un cachet fiscal valable ou un code ou la marque ou l'impression comme peut- être exigé par les autorités.

**Ingingo ya 5: Igihe cy'inziyacyuho cyo kubahiriza ibiteganywa n'iri teka**

**Article 5: Transitory period to comply with the provisions of this Order**

**Article 5: Période transitoire pour se conformer aux dispositions du présent arrêté**

Buri muntu wese winjiza mu Gihugu, ukwirakwiza, ukora cyangwa ukora akazi kajyanye n'itabi cyangwa ibirikomokaho ahawe igihe cy'amezi cumi n'abiri (12) guhera itariki iri reka ritangarijwe mu Igazeti ya Leta, kugira ngo abe yubarije ibirikubiyemo.

Every importer, distributor, manufacturer or any person dealing in tobacco and tobacco products is hereby granted a period of twelve (12) months, from the date of publication of this Order, to comply with its requirements.

Une période de douze (12) mois est accordée à tout importateur, distributeur, fabricant ou toute personne travaillant dans le domaine de tabac et des produits du tabac, à compter de la date de publication du présent arrêté pour se conformer aux prescriptions du présent arrêté.

**Ingingo ya 6: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

**Article 6: Repealing provision**

**Article 6: Disposition abrogatoire**

Ingingo zose z'amateka yabanjirije iri kandi zinyuranye na ryo zirasheshwe.

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Ingingo ya 7: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

**Article 7: Commencement**

**Article 7: Entrée en vigueur**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa 09/06/2015

Kigali, on 09/06/2015

Kigali, le 09/06/2015

*Official Gazette n° 26 of 29/06/2015*

(sé)  
**Dr. BINAGWAHO Agnes**  
Minisitiri w'Ubuzima

(sé)  
**Dr. BINAGWAHO Agnes**  
Minister of Health

(sé)  
**Dr. BINAGWAHO Agnès**  
**Ministre de la Santé**

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the  
Republic:**

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)  
**BUSINGYE Jonhston**  
Minisitiri w'Ubutabera /Intumwa Nkuru ya  
Leta

(sé)  
**BUSINGYE Jonhston**  
Minister of Justice/Attorney General

(sé)  
**BUSINGYE Jonhston**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

*Official Gazette n° 26 of 29/06/2015*

UMUGEREKA W'ITEKA RYA  
MINISITIRI N°20/35 RYO KU WA  
09/6/2015 RIGENA IBIJYA MU  
NYANDIKO ZIBURIRA ZISHYIRWA KU  
IPAKI Y'ITABI N'IBIRIKOMOKAHO  
N'UKO ZITEYE

ANNEX TO MINISTERIAL ORDER  
N°20/35 OF 09/6/2015 DETERMINING  
THE CONTENT AND DESIGN OF THE  
WARNING TO BE PUT ON THE  
PACKAGE OF TOBACCO AND  
TOBACCO PRODUCTS

ANNEXE A L'ARRETE MINISTERIEL  
N°20/35 DU 09/6/2015 PORTANT  
CONTENU ET FORME DE  
L'AVERTISSEMENT À METTRE SUR LE  
PAQUET DU TABAC ET DES PRODUITS  
DU TABAC





*Official Gazette n° 26 of 29/06/2015*

**Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri n°20/35 ryo ku wa 09/6/2015 rigena ibijya mu nyandiko ziburira zishyirwa ku ipaki y'itabi n'ibirikomokaho n'uko ziteye**

**Seen to be annexed to Ministerial Order n°20/35 of 09/6/2015 determining the content and design of the warning to be put on the package of tobacco and tobacco products**

**Vu pour être annexé à l'Arrêté Ministériel n°20/35 du 09/6/2015 portant contenu et forme de l'avertissement à mettre sur le paquet du tabac et des produits du tabac**

Kigali, ku wa 09/6/2015

Kigali, on 09/6/2015

Kigali, le 09/6/2015

(sé)

**Dr. BINAGWAHO Agnes**  
Minisitiri w'Ubuzima

(sé)

**Dr. BINAGWAHO Agnes**  
Minister of Health

(sé)

**Dr. BINAGWAHO Agnès**  
Ministre de la Santé

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera /Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux